**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KU WA 05/02/2001 YAHUJE NYAKUBAHWA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO N'UMUCO, ABAYOBOZI B'IMIRIMO, ABAYOBOZI B'AMASHAMI N'ABAKURU B'IMISHINGA.**

Inama yatangiye i saa tatu n'iminota itanu, iyoborwa na Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

Nkuko bisanzwe, ku murongo w'ibyigwa hariho :

-Gusoma no gukosora inyandiko-mvugo y'inama yo ku wa 29/01/2001 ;
-Kureba ibyakozwe mu cyumweru cyo ku wa 29/01/2001-03/02/2001 ;
-Gahunda y'icyumweru ;
-Ibintu n'ibindi.

## I. GUSOMA NO GUKOSORA INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KUWA 29/01/2001

Inyandiko mvugo imaze gusomwa, mu Buyobozi bwo Kwigisha Imyuga Iciriritse basobanuwe ko ikigo basuye kugirango barebe uko gikora ari ikiri i GIKONDO cyahawe uruhushya rwo kwigisha imyuga iciriritse;

Ikindi cyakosowe n'uko Nyakubahwa Minisitiri atasabye Ubuyobozi w'Urubyiruko kureba mu basabye umwanya wa « Division Coopération des Jeunes » uwawujyamo, ahubwo ko yasabye ko bapiganisha abawusabye bakareba uwawushyirwamo byagateganyo.

## II. IBYAKOZWE MU CYUMWERU CYO KU WA 29/01/2001-03/02/2001

### UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Bakoranye inama n'Inama Nkuru y'Urubyiruko yo gutegura gahunda y'ibikorwa y'umwaka w'2001. Nyakubahwa Minisitiri yavuze ko iyo abantu bajyiye mu nama bagomba gutegura inyandiko igaragaza icyo bagiye gukora muri iyo nama ;
- Bajyiye i CYANGUGU gushaka aho ikigo kita ku myororokere myiza y'urubyiruko kizakorera, kandi bavuze ko habonetse.

### UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Bateguye isiganwa ry'amagare ryiswe « Tour de Kigali » ryabaye tariki ya 04/02/2001, kandi ryagenze neza usibye ko hari umunyegare umwe w'i Kibungo warwaye umusonga akajyanwa muri C.H.K. Nyakubahwa Minisitiri yavuze ko, uko byateguwe byagombye kuba bizwi, hari inyandiko ibigaragaza ;
- Bateguye kimwe cya kane cy'irushanwa ry'umupira w'amaguru, uw'intoki (Volley Ball) na Hand Ball mu mashuri abanza i Butare, Kigali Ngari, Gitarama, Ruhengeri na Kigali y'Umugi.

UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Bagiye i Nyanza mu RUKARI kureba uko imirimo yo gusana ikigo ndangamuco yatangira. Bavuze ko yagombaga gutangira uwo munsi tariki ya 05/02/2001. Basabwe kubikurikirana ;
- Bakomeje gutegura ijonjora ry'abakinnyi bazahagararira u Rwanda mu mikino ya kane y'ibihugu bivuga ururimi rw'igifaransa izabera muri Canada. Bavuze ko Bagiranye inama n'abahanzi kandi ko bahawe inkunga n'Abafaransa n'abanya Canada igera ku bihumbi maganatandatu. Nyakubahwa Minisitiri yavuze ko iyo bitegurwa mbere abakinnyi ubwabo baba barayishakiye. Hanyuma asaba ko bumvishwa ko hari ibyo bagomba kwirihira, ntibajye bategereza ko Leta ibishyurira byose ;
- Batangiye kwitegura kwakira abashyitsi bazava mu BWONGEREZA bashaka kugira imurika ku itsembabwoko n'itsembatsemba. Bavuze ko ikibazo bari bafite ari uguhindura mu Cyongereza ibintu bafite. Nyakubahwa Minisitiri yababwiye ko ururimi birimo atari ikibazo, ko icyo bagomba gukora ari ugutunganya ibyo bafite, batandukanya inyandiko, amafoto, films n'ama cassettes-vidéo binyuranye bafite. Yongeyeho kandi ko badakwiriye gutegereza ko hazaza abashakashatsi kugirango bitunganywe, ko ahubwo byagombye guhora bitunganye.

INGORO Y'UMURAGE W'U RWANDA

- Babonanye na « chef de Mission wa GTZ/PAB » bigira hamwe ukuntu haba ubufatanye hagati ya GTZ/PAB n'Ingoro y'Umurage w'u Rwanda (M.N.R);
- Kubonana na « Chef de Mission » wa « Coopération Belge » kugirango bamuhe raporo y'ubutumwa bwasohojwe i Tervuren tariki ya 11-16/12/2000 : bavuze ko basanze nta mwanya afite muri icyo gihe.

ISHAMI RY'INKORANYABITABO RY'IGIHUGU

- Kujya mu nama muri MINALOC yagombaga guhuza abanditsi b'ibinyamakuru kugirango bavugane ku kibazo cya « Dépôt légal ». Bavuze ko bagiyeyo bagasanga inama yaraye irangiye. Nyakubahwa Minisitiri yongeye gusaba Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni kubafasha bakamenya neza uko serivisi ya « Dépôt légal » ikora.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Bateguye amahugurwa y'abarimu bigisha ubuhinzi n'ubworozi muri za CFJ, azakoreshwa n'umushinga « Lux Développement ». Bavuze ko azabera i MAYANGE ;
- Bagiranye inama na « Encadreur » muri Perefegitura ya Ruhengeri n'Abayobozi ba Komine Mukingo ku bijyanye no gutangiza CFJ ya MUKINGO. Bavuze ko basanze imirimo yarahagaze kubera ko batarabona amafaranga, kandi ngo uko bitinda, niko hari ibintu bijyenda byangirika. Nyakubahwa Minisitiri yabasabye

kujya nabo bakurikirana ikibazo cy'amafaranga ntibabiharire Ubuyobozi bw'Imirimo Rusange.

GAHUNDA Y'ICYUMWERU

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Kujya i GISENYI kureba aho ikigo kita ku myororokere myiza y'urubyiruko kizakorera;
- Gukora inama yo kureba amafaranga yasabwa ku ngengo y'imari.

UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Gutegura amarushanwa ya nyuma y'imikino rusange (sports collectifs) mu mashuli abanza izabera i NDERA muri KIGALI NGARI tariki ya 10 niya 11 Gashyantare 2001 ;
- Nyakubahwa Minisitiri yabasabye no gutegura hakiri kare bafatanije n'Ubuyobozi bw'Urubyiruko ijambo (Mémo) azavuga mu nama azajyamo ya CONFEJES. Iyo « Mémo » igomba kuzaba igaragaza ibikorwa mu Rubyiruko no muri siporo, ibibazo bihari n'ibiteganywa (Perspectives).

UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Gutegura umushinga w'imyitozo y'Itorero ry'igihugu ;
- Kujonjora abakinnyi n'abanyabugeni-mberajisho bazahagararira i gihugu mu mikino ya kane y'ibihugu bivuga ururimi rw'igifaransa izabera muri Canada.

COMMISSION MEMORIAL

- Gutegura gutunganya neza imva zashyinguwemo inzirakarengane i Nyanza/Kicukiro.

INGORO Y'UMURAGE W'U RWANDA

- Gukomeza imirimo yo gutunganya ubusitani no gutemera ishyamba ;
- Gutangira kwandika udutabo no gukora cassette-vidéo ;
- Gukomeza inama na GTZ/PAB » kugirango bashakire hamwe amasoko no kwiga ukuntu abana barangije bakwinjira muri FAAB.

ISHAMI RY'INKORANYABITABO RY'IGIHUGU

- Gukurikirana ikibazo cya « Logiciel » ;
- Gutangira gukora « Bibliographie Nationale ».

ISHAMI RY'ISHYINGURANYANDIKO ZIGIHUGU

Gukomeza imirimo yo gutunganya inyandiko.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Gutangiza ikiciro gishya muri C.F.J Kayonza ;
- Kugirana inama n'Ubuyobozi bw'Ikigo (C.F.J E.F.P.J) kiri muri Komini Kicukiro kugirango hacyemurwe ibibazo biri hagati y'Abarimu n'Ubuyobozi bw'Ikigo.

APPUI A LA F.P.

- Gukora « Plan d'opération » y'ikiciro cya kabiri cy'umushinga A.F.P/GTZ-MIJESPOC kuva tariki ya 07/02 kugeza tariki ya 09/02/2001 i GIHINDAMUYAGA.

PROJET KAVUMU

- Guhamagarira abashaka kwiga ibyerekeye Gutwara imodoka nini, Kugorora no Gusiga irangi imodoka, Mécanique, Plomberie kujya kwiyandikisha mu ma Perefegitura batuyemo.

IBINTU N'IBNDI

- Mu rwego rwo guteza imbere umukino wa « Tennis », Nyakubahwa Minisitiri yasabye ko habaho ikiganiro (émission) kuri Radiyo na T.V bari kumwe n'abana batahanye imidari ya Tennis bavuye gukina muri Afurika Yepfo;
- Nyakubahwa Minisitiri yasabye kandi Bwana RURANGIRWA Aaron na NKUSI Léon Pierre gushyiraho « club GYM-TONIC » igezweho;
- Yasabye kandi Umuyobozi w'Urubyiruko afatanije n'umushinga wa A.F.P kureba uko Ikigo cy'urubyiruko cya Kimisagara cyatangira vuba, no gushaka umuntu ushobora kuzagikorera akakibyaza umusaruro ;
- Nyakubahwa Minisitiri yasabye ko abantu bazajya bategura neza buri gikorwa bateganije, amafaranga yabura hagakorwa ikindi kidasaba amafaranga. Yibukije kandi ko gahunda (programme) yacu ishobora gukorwa abantu bakoresheje abandi bafite ubushobozi ;
- Kubera ko hari ikibazo cy'amafaranga, Nyakubahwa Minisitiri yasabye Ubuyobozi bwose kujya bakorana n'Ubuyobozi bw'Imirimo Rusange kugirango bumvikane ku bikorwa byihutirwa kurusha ibindi (prioritaires).

Inama yarangiye i saa sita n'iminota itanu (12h 05').

| | |
|---|---|
| Umuyobozi w'inama | Umwanditsi w'inama |
| NGARAMBE François | TWAGIRAYEZU Innocent |
| Minisitiri w'Urubyiruko,<br>Siporo n'umuco. | Umuyobozi w'Ishami<br>ry'Ubunyamabanga Rusange. |

| ABAJE MU NAMA | SERIVISI |
|---|---|
| 1. RUGAMBA Egide | S.G. a.i |
| 2. NYANSHAYIJA David | D.J |
| 3. Col. Charles MUSITU | Attaché au Cabinet |
| 4. NTIDENDEREZA William | D.F.F |
| 5. MUKIMBIRI Jean | DCA |
| 6. NDAGIJIMANA Epimaque | S. Particulier du Ministre |
| 7. KANIMBA MISAGO | D.M.N.R |
| 8. RUDAHUNGA Gédéon | Dir. Projet Kavumu |
| 9. HATEGEKIMANA Emmanuel | D.G.P |
| 10.NDASHYIKIRWA Eugène | Camps de solid. des Jeunes |
| 11.MUKANDOLI Diane | DAAF |
| 12.KAYIJUKA Gaspard | Projet A.F.P |
| 13.TWAGIRAYEZU Innocent | Div. S. Central |
| 14.MUHOZA Christophe | Com. Mém. du génocide |
| 15.SALAAM J.M.V | Div. Mobil.& Enc. Jeunes |
| 16.RUTAGWENDEKA Fidèle | Div. Folklore & Ballets |
| 17.BUTOTO Jean | Div. Patr. Culturel |
| 18.BITWENGE Isaac | Div. Etudes&Planification |
| 19.RUTAGENGWA Philbert | S/Communication |
| 20.SEKUBUMBA Séverin | Bibliothèque Nationale |
| 21.NGABOYISONGA Vincent | Div. Programme |
| 22.RANGIRA Joseph | Div. Sports Civil |
| 23.BAYINGANA Bonfils | Communication |
| 24.MUNYAZIKWIYE Théogène | PAE |
| 25.NKURANGA Joseph | Infr. Et Equip. |
| 26.MUBUMBYI André | Folklore |
| 27.RUTAYISIRE Alexis | S.D.K |
| 28.GASANA Vincent | Div.Adm.& Gestion C.F.J |
| 29.RURANGIRWA Aaron | Div. Sport Scolaire |
| 30.KUBWIMANA Gertrude | Div. Sport Scolaire |
| 31.KIZARI Elias | Div. Archives Nationales |
| 32.NKUSI Léon Pierre | Div.C.S.R.I |
| 33.MUSEMAKWELI Jean | Progr. Santé des Jeunes |
| 34.MUDAKIKWA Jean Marie | Projet S.R.A |

ABATARAJE MU NAMA BAFITE IMPAMVU ZIZWI

1. RWIGEMA Paterne
2. RWAGATARE Alphonse
3. ABIYINGOMA Ignace

ABATARAJE MU NAMA NTA MPAMVU BAFITE ZIZWI

1. NSENGAH D.H
2. KANAMUGIRE Louis